# 175: Mwunger’ udukunda

1.

Mwunger’ udukunda,—Jy' uturagira, N'uduhora hafi,—Twatiny' iki se? Tugukurikire,Iy' ujya hose,
Naho haba habi—Cyangwa se heza.

2.

Mwunger' udukunda,—Tuz' ijwi ryawe, Uduhamagaye,—Turanezerwa Kand' iy’ uduhannye,Turabyemera. Tur' intama zawe :—Utwiharire.

3.

Wavuy' amaraso,—Mwungeri mwiza, Kugira ngw intama—Uducungiire. Washyize kuri twe Ikimenyetso,Ni cyo Mwuka Wera,—Udutuyemo.

4.

Mwunger' uturinde,—Uturengere Amasega mabi—Ye kutwegera. Nta cy' azadutwara,Kuk' ukomeye. Turikumwe, byose—Biranesheka.

Visit us at indirimbo.com